**UBUTUMWA ABEPISKOPI GATOLIKA MU RWANDA BAGENEYE ABAKRISTU KU MUNSI MUKURU WA PASIKA 2026**




# *TUBERE KRISTU WAZUTSE ABAHAMYA B'UKURI*

Kigali, ku wa 25 Werurwe 2026

**UBUTUMWA ABEPISKOPI GATOLIKA MU RWANDA BAGENEYE ABAKRISTU KU MUNSI MUKURU WA PASIKA 2026**

# *TUBERE KRISTU WAZUTSE ABAHAMYA B'UKURI*

Basaserdoti, Biyeguriyimana, Bakristu bavandimwe,

1. Yezu Kristu yazutse, Aleluya! Tubifurije Pasika nziza. Ibyishimo bya Kristu watsinze urupfu akazuka mu bapfuye bitahe mu mitima yacu. Amasomo matagatifu yo kuri uyu Munsi Mukuru wa Pasika araduhishurira inkomoko y'umutsindo duhimbaza. Ku wa mbere w'isabato, Mariya Madalena, Petero na wa Mwigishwa Yezu yakundaga bazindukiye ku mva ya Yezu ariko ntibamusangamo. Wa mwigishwa we "arinjira aritegereza maze aremera" (Yh 20,8).

2. Abigishwa ba Yezu bagize ubwoba butewe no kutumva neza ibyo babonaga, ariko nyuma yo guhabwa imbaraga za Roho Mutagatifu, basobanukiwe n'Ibyanditswe bivuga ko yagombaga kuzuka ava mu bapfuye. Niyo mpamvu Petero abihamya i Kayizareya agira ati "Natwe rero turi abahamya b'ibyo yakoze mu gihugu cy'Abayahudi kimwe n'i Yeruzalemu. Bamwishe bamumanitse ku giti, ariko Imana yamuzuye ku munsi wa gatatu imuha no kwigaragaza; atari kuri rubanda rwose, ahubwo ku bahamya batoranyijwe n'Imana hakiri kare, twebwe abariye kandi tukanywa kumwe na we aho amariye kuzuka mu bapfuye" (Intu 10,39-40). Petero n'izindi ntumwa babaye abahamya b'izuka rya Yezu bamamaza Inkuru Nziza mu mahanga yose ndetse no kugera ku mpera z'isi (reba Intu 1,8). Ni bo natwe dukomoraho ukwemera, twebwe abamenye Yezu Kristu tukamukurikira.

3. Turahimbaza Pasika muri uyu mwaka, mu gihe tukizirikana imbuto nziza dukesha Yubile y'impurirane twizihije mu gihugu cyacu mu mwaka wa 2025. Twashimiye Imana ibyiza yatugiriye mu myaka 2025 y'Ugucungurwa kwa bene muntu n'imyaka 125 Inkuru Nziza igeze mu Rwanda. Kristu yinjiye mu mateka yacu, mu buzima bwacu, adutsindira icyaha n'urupfu rwa burundu, aduha kugira ubuzima bushya bw'abana b'Imana. Turifuza ko inema twahawe mu mihimbazo inyuranye ya Yubile zaturumbukira imbuto z'ubutungane zituma duhamya ibirindiro mu

kwemera kandi tukabera Kristu abahamya nyabo mu isi yacu. Pasika duhimbaza itwongeremo imbaraga z'urukundo, ineza, amahoro n'ukuri, iturinde ibikorwa by'ubugiranabi n'ubukozi bw'ibibi. Kristu wazutse adutsindire ingeso mbi n'inzangano, adukure mu mwijima w'icyaha maze adushyire mu rumuri rwe rw'agatangaza (reba 1Pet 2,9).

4. Turahimbaza Pasika igaragaza umutsindo wa Kristu mu buzima bwacu, twe abemera. Kristu ni We Ntama ya Pasika yacu (1 Kor 5,7), ni We Mutsindo wacu. Ububabare n'urupfu bye byateye icyuho gikomeye mu babanye na Yezu bya hafi. Mu nzira y'umusaraba tuzirikana uko yaciriwe urubanza rwo gupfa kandi ari intungane na Mwene Nyirijuru. Iyo nzira yabaye iy'ububabare bwinshi ariko yanabaye inzira yagaragaje ineza ya bamwe mu bamukurikiye n'abahuye na We. Simoni umunyasireni yamutwaje umusaraba, Veronika yamuhanaguye mu maso, abagore baramuririye. Munsi y'umusaraba hari Yohani n'abagore barimo umubyeyi we Bikira Mariya. Nyuma y'urupfu rwe bashyize hamwe, bafashijwe na Nikodemu na Yozefu wa Arimatiya, bamushyingurana icyubahiro. Yezu amaze kuzuka mu bapfuye, yabonekeye abakunzi be n'abamwemeye. Agahinda gasimburwa n'ibyishimo by'izuka, gushidikanya bisimburwa n'ukwemera, guhungabana bisimburwa n'ituze n'amahoro.

5. Yezu amaze kuzuka, indamukanyo ye yabaye: "Nimugire amahoro. Nk'uko Data yantumye, nanjye ndabatumye" (Yh 20,21). Pasika nitubere rero igihe cyo kwakira amahoro ya Kristu no kuyaha abandi. Nitwakire urumuri rwa Pasika, rutume tubona by'ukuri, duhure na Kristu wazutse, maze tugengwe na We. Ni koko, Pasika ni urumuri rw'ukwemera, nirutsinde ubuhakanyi n'imbaraga z'umwijima zigenda zifata intera mu mitima ya benshi, muri iki gihe.

6. Uwahuye na Kristu wazutse arabaduka, akihutira gusangiza abandi iyo Nkuru nziza, ngo na bo baronke umukiro. Mariya Madalena yakiriye urumuri rwa Pasika mu mutima we, ahita ajya gutangariza intumwa Inkuru nziza y'izuka rya Nyagasani. Inkuru Nziza ya Pasika rero, si iyo kwihererana, ahubwo ihindura abigishwa ba Kristu abogezabutumwa.

7. Urugendo rwa Sinodi yo kugendera hamwe rwatumye tubona ibyiciro by'abagize umuryango w'Imana batagerwaho n'ubutumwa bwacu. Yezu Kristu yatanze ubuzima bwe ngo hatagira n'umwe ubura umukiro

w'Imana. Nyagasani Yezu wazutse araduha bwa butumwa bwo gushyira abandi agira ati "Nimugende mwigishe amahanga yose" ( Mt 28,19).

8. Iki ni igihe cyo kudacibwa intege n'ibyo twumva cyangwa tubona birwanya iyogezabutumwa. Hari benshi bataye ubukristu kandi bashishikariza n'abandi kubureka. Pasika nitwibutse gutakambira Imana ngo yigarurire imitima ya bose. Yezu Kristu amaze kuzuka, yasubiye mu ijuru, abigishwa be bamureba (reba Intu 1,9). Pasika nitwibutse rero ko twaremewe ubugingo bw'iteka, maze duharanire kuzajya mu ijuru aho tuzishima iteka.

9. Mu gihe turimo hari byinshi biduhuma amaso bikatubuza kugira umwete wo gukorera Imana no kuba abahamya b'urukundo rwayo mu bantu. Ubu irari ry'ibintu ryasumbye urukundo rw'Imana. Nyamara umugaragu w'Imana Rugamba Sipiriyani mu ndirimbo yadusigiye, adusaba kumva iri jwi ry'Imana rigira riti " Igihe kiraje uzanyita Imana yawe, nzagutesha ikitwa ikigirwamana, nguhe amahoro mu biriho byose naremye, jya urangwa n'urukundo impuhwe n'ubutabera". Ni ngombwa rero kwirinda gutwarwa n'iby'isi, ahubwo buri wese narangamire Kristu, We Nzira, Ukuri n'Ubugingo (reba Yh 14,6).

10. Muri uyu mwaka, turahimbaza iyobera ry'urupfu n'izuka bya Kristu mu gihe tugiye kwinjira mu cyunamo cya jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Kuzirikana iyobera ry'urupfu n'izuka bya Kristu biraduha urumuri kandi bikadukomeza muri iki gihe cy'akababaro. Jenoside yakorewe Abatutsi yabaye nk'igipimo cy'ibura ry'ubukristu n'ubwangamugayo. Abahamya b'ukwemera babaye mbarwa, igihango cya batisimu henshi kiratatirwa. Kuva mu kwezi kwa kane kugera mu kwa karindwi 1994, u Rwanda rwasaga n'urubambye ku musaraba. Nyuma y'icyo cyago cya jenoside yakorewe Abatutsi, hari benshi bibazaga niba bazasubira mu kiliziya, barakomeretse mu kwemera.

11. Nyamara no mu bicika Imana igira aho icisha ubuvunyi bwayo. Jenoside yarahagaritswe, abantu batangira bigoranye inzira yo kongera kubana no kwiyubaka. Yezu Kristu turangamira mu iyobera ry'urupfu n'izuka bye, ni we wunze ubumwe n'abe, ububabare bwabo yabugize ubwe. Yezu Kristu yababaranye n'abacu twibuka ndetse yababaye muri bo. Kimwe na We baratotejwe, barahunga, bangwa n'abantu, baragambanirwa, baricwa. Mu kwibuka ubwo bubabare bwabanyujije mu nzira y'umusaraba, tuzaba

tuzirikana ko bari ababyeyi, abavandimwe cyangwa abana bacu twari dusangiye urugendo rw'ubuzima, dusangiye kuba abana b'Imana.Tuzabunamira, tubibuke twunze ubumwe twese. Iyo sano dufitanye, izatume dukomeza kuba hafi abarokotse, tubahumuriza.

12. Pasika ni umutsindo w'ubuzima ku rupfu. Ni ubutungane butsinda icyaha. Ni ineza itsinda inabi. Kristu yadusangije uwo mutsindo we. Turashimira Imana ko yunamuye u Rwanda, ikaruha abagabo n'abagore b'intwari babaye amatara yaka mu ijoro ry'icuraburindi: hariho abanze kwishora mu bwicanyi, abagize abo bahisha, hari n'abatanze ubuzima bwabo kugirango bagire abo barokora, abo bose ni abahamya b'urukundo n'ukwemera. Gukora icyunamo mu rumuri rw'uwo mutsindo wa Pasika, bizatuma twibuka kandi dufite ukwizera ko abacu bataheranywe n'urupfu.

13. Mu cyunamo, igikorwa gikomeye twakorera abacu ni ukubatura Imana mu isengesho. Tuzisabire kandi natwe kugira umutima ukeye, gutsinda urwango, ivangura n'inzika. Twese dusabe kudaheranwa n'ikibi, duhagurukire kuba abahamya b'ukwemera, urukundo, ubuvandimwe n'amahoro. Twibuke no gusaba amahoro mu karere kacu no mu isi yose.

14. Mbere yo gusubira kwa Se mu ijuru, Yezu yasigiye abe Roho Mutagatifu kugirango bashobore kumubera abahamya (reba Yh 20, 22). Niduhugukire rero ibikorwa bya Roho Mutagatifu kuko ari We mbaraga zidukomeza, zikaduha ubutwari bwo kubaho mu rukundo. Ni Roho w'Imana ukomeza imitima yacu kugirango itagwa mu bishuko. Igihe Yezu yari agiye kwinjira mu bubabare yabwiye Petero ati "Nimube maso kandi mwambaze, kugirango mutaza kugwa mu gishuko: Umutima w'umuntu uharanira ibyiza, naho umubiri wo ugira intege nke" (Mt 26, 41). Dukeneye, muri iki gihe, Roho Mutagatifu n'ingabire ze kugirango tube abakristu nyabo.

15. Bakristu Bavandimwe, nk'uko twakomeje kubashishikariza gukomera mu kwemera ngo mudacika intege kubera ko za kiliziya zigifunze, n'ubu twongeye kubasaba kutadohoka mu gihe hagikorwa ibishoboka ngo zifungurwe. Mu bihe bikomeye niho umukristu agaragaza urumuri rw'ukwemera n'urukundo. Twumvire Roho Mutagatifu twahawe, atubere urumuri, niwe uyobora kandi agakomeza Kiliziya ye: ngwino Roho w'Imana, ngwino utahe imitima yacu.

Turangije tubaragiza Umubyeyi Bikira Mariya, Nyina wa Jambo, Mwamikazi wa Kibeho. Pasika nziza.

**Bikorewe i Kigali, ku wa 25 Werurwe 2026**

**Abepiskopi banyu:**

✠ **Antoine Card. KAMBANDA**
Arikiyepiskopi wa KIGALI akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

✠ **Vincent HAROLIMANA**
Umwepiskopi wa RUHENGERI akaba na
Visi Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

✠ **Anaclet MWUMVANEZA**
Umwepiskopi wa NYUNDO akaba n'Umujyanama wa mbere

✠ **Edouard SINAYOBYE**
Umwepiskopi wa CYANGUGU n'Umujyanama wa kabiri

✠ **Célestin HAKIZIMANA**
Umwepiskopi wa GIKONGORO

✠ **Papias MUSENGAMANA**
Umwepiskopi wa BYUMBA

✠ **Jean Marie Vianney TWAGIRAYEZU**
Umwepiskopi wa KIBUNGO

✠ **Balthazar NTIVUGURUZWA**
Umwepiskopi wa KABGAYI

✠ **Jean Bosco NTAGUNGIRA**
Umwepiskopi wa Butare